ITANGAZO RYO KUGURISHA MU CYAMUNARA IMODOKA 3 ZA TOYOTA PICK UP NA MOTO 7 ZA SUZUKI TF 125 Z'UMUSHINGA WA SAIP UKORERA MU KIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUHINZI N'UBWOROZI-RAB. *(IMINSI 3X2)*

Ubuyobozi bw' Imishinga iterwa inkunga na Banki y'Isi na KOICA ibarizwa mu Kigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB), buramenyesha abantu bose bashaka kandi bafite ubushobozi bwo kugura, ko hari cyamunara yo kugurisha imodoka eshatu (3) za TOYOTA PICK UP na moto zirindwi (7) za SUZUKI TF 125. Cyamunara izakurikiza amabwiriza akurikira:

1. Gusura ibinyabiziga (imodoka na moto) bizakorwa buri munsi uhereye kuwa mbere tariki ya 14/12/2020 kugeza kuwa kabiri tariki ya 22/12/2020.

2. Gusura bizakorwa gusa mu masaha y'akazi kuva saa mbili (8h00) za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe (17h00) za nimugoroba, bikabera mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kacyiru, Akagali ka Kamatamu, Umudugudu w'Itetero mu mazu ya MINAGRI akurikiranye n'ahahoze hitwa TERRACOM HOUSE ubu hitwa LISA, iruhande rwa Kiliziya y'Abadominikani aho umushinga SAIP ukorera.

3. Imodoka na moto zizagurishwa mu cyamunara zinjiye zishyuye imisoro.

4. Igiciro cya buri Loti kizatangwa mu ibahasha ifunze neza aho bakirira amabaruwa ku biro bya SAIP bitarenze tariki ya 23/12/2020 i saa tatu n'iminota mirongo itatu (9H30) za mu gitondo, utanze ibahasha agasinya ko ayitanze mu gitabo cyabugenewe.

5. Gufungura amabaruwa mu ruhame bizakorwa tariki ya 23/12/2020 i saa yine (10h) zuzuye mu cyumba cy'inama kandi bizitabirwa gusa n'abatanze amabahasha.

6. Ushaka kugura imodoka, ku ibahasha azandikaho: KUGURA MU CYAMUNARA IMODOKA ya SAIP LOT N^{0}….(wuzuzeho Lot wifuza kugura). Igiciro cya buri Loti kigomba gushyirwa mu ibahasha yihariye kandi ku rupapuro rw'igiciro ukuzuzaho izina ryawe na Numero y'indangamuntu yawe na Loti upiganiye.

SINGLE PROJECT IMPLEMENTATION UNIT
WORLD BANK & KOICA PROJECTS

7. Ushaka kugura Moto ku ibahasha azandikaho: KUGURA MU CYAMUNARA MOTO ya SAIP LOT N^{O}….(wuzuzeho Lot uguze). Igiciro cya buri Loti kigomba gushyirwa mu ibahasha yihariye kandi ku rupapuro rw'igiciro ukuzuzaho izina ryawe na Numero y'indangamuntu yawe na Loti upiganiye.

8. Mu gihe cyo gufungura, uwatanze ibahasha irimo igiciro azitwaza sheki izigamiye (Cheque Certifié/ Certified Cheque) yanditswe mu mazina ya RWANDA REVENUE AUTHORITY kuri buri loti ingana n'agaciro yashyize mu ibahasha, ikazashyikirizwa Umukozi wa RRA uzaba uhari mbere yo gufungura amabahasha. Utazatsinda azasubizwa sheki ye, naho uzatsinda cheki ye izishyurwa kuri KONTI YA RWANDA REVENUE AUTHORITY yabugenewe, kandi bikazakorwa n'umukozi wa RRA wabiherewe ububasha, uwaguze akazahabwa urupapuro rwa banki rwerekana ko kwishyura byakozwe.

9. Uwatsindiye ikinyabiziga azasinya amasezerano y'ubugure na RAB, ari nayo azamworohereza kujya guhinduza ikinyabiziga mu mazina ye no gushaka pulaki yacyo anyuze muri MININFRA.

10. Uwatsindiye ikinyabiziga agomba kuba yamaze kugitwara bitarenze iminsi itatu akimara kwishyura amafaranga yose, bitaba ibyo akazishyura amafaranga y'amande y'ubukererwe angana na 1.5% y'amafaranga yatsindiyeho ikinyabiziga kuri buri munsi w'ubukererwe kuri konti ya RRA yabugenewe.

11. Ku bindi bisobanuro wahamagara telephoni zikurikira: 0788500217 cyangwa 0788536390.

RAB
SINGLE PROJECT IMPLEMENTATION UNIT
WORLD BANK & KOICA PROJECTS

BISANGWA Innocent
Umuhuzabikorwa wa SPIU y'Imishinga
Iterwa inkunga na Banki y'Isi na KOICA